REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO

AKARERE KA KAMONYI

B.P. 03 MUHANGA

E-mail: kamonyidistrict@yahoo.fr

IBYEMEZO B Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI N° 39 /07.02/08/CD

IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI YATERANYE KU WA 23 KAMENA 2013

Kuri iki cyumweru tariki **23 Kamena 2013** ku biro by'Akarere ka **KAMONYI** guhera saa yine **(10H10)** hateraniye inama isanzwe y'Inama Njyanama iyobowe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama Bwana **KARURANGA Emmanuel.** Umuyobozi w'inama yamenyesheje Abajyanama ko inama y'Inama Njyanama yitabiriwe na Honorable Deputé **MUKARUGEMA MANZI Alphonsine**, Honorable Deputé **RWAKA Pierre Claver**, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge ndetse n'Abafatanyabikorwa b'Akarere. Umuyobozi w'inama yamenyesheje abitabiriye inama ko Umujyanama **NTABANA Yves,** Umujyanama **BIZIYAREMYE Gonzague** bataribwitabire inama kubera ko bari mu butumwa bw'akazi hanze y'Igihugu.Umujyanama **NYONI Lambert** akaba atari bwitabire inama kubera impamvu yamenyesheje.Umujyanama **UWINEZA Claudine ,** atari bwitabire inama kubera ko ari mu kiruhuko cy'Ababyeyi.

Umuyobozi w'inama yibukije Abajyanama ingingo ziribusuzumwe n'Inama Njyanama:

1. **Kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 25 Kamena 2013**
2. **Kwemeza DDP "District Development Plan" y'Akarere umwaka wa 2013 - 2018**
3. **Gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari ya 2012 – 2013 no kwemeza ingengo y'imari 2013 – 2014**
4. **Umwiherero w'Abagize Inama Njyanama y'Akarere**
5. **Ibindi**

Nyuma yo kungurana ibitekerezo ingingo ku ngingo, Abajyanama bemeje ko ku birebana n'ingingo y'ibindi hasuzumwa ibi bikurikira:

- **Ibibazo bijyanye n'ubutaka byagejejwe ku Buyoboyi bw'Akarere**

Abajyanama bagize Inama Njyanama y'Akarere ka **KAMONYI** bafashe ibyemezo bikurikira:

<u>Ingingo ya</u> 1: **Kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 25 Kamena 2013**

Abajyanama bamaze kuyikorera ubugorongingo, bemeje inyandikomvugo y'inama y'Inama Njyanama yo ku wa **25 Mutarama 2013.**

Icyemezo kikaba cyafashwe n'Abajyanama ku bwisanzure busesuye

Ingingo ya 2 : Kwemeza DDP "District Development Plan" y'Akarere umwaka wa 2013 - 2018

Abajyanama bamaze kugezwaho n'impuguke gahunda y'iterambere ry'Akarere y'imyaka 5 **"District Development Plan"** y'Akarere ka **KAMONYI 2013 – 2018** bishimiye uburyo yateguwe barayemeza n'inyandiko ziyiherekeje (Annexes)

Abajyanama basabye ko ibitekerezo byatanzwe bizifashishwa mu gukora "document" ya nyuma.

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga inyandiko igaragaza gahunda y'ibikorwa by'iterambere ry'Akarere ka KAMONYI **"District Development Plan" 2013 – 2018** n'inyandiko igaragaza amahirwe Akarere ka KAMONYI gafite kashingiraho mu kugera ku iterambere rirambye.

Icyemezo kikaba cyafashwe n'Abajyanama ku bwisanzure busesuye

Ingingo ya 3: Ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari ya 2012 – 2013 no kwemeza ingengoy'imari 2013 – 2014

- **Gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari umwaka wa 2012 – 2013**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere Bwana **BAHIZI Emmanuel** , amaze kugeza ku Bajyanama ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari 2012 – 2013 ikaba imaze gushyirwa mu bikorwa ku kigero cya **97.6 %** barayishima barayemeza.

- Abajyanama bagendeye ku itegeko rya Minisitiri N°01/09 ryo ku wa 25/02/2009 rigena imikoreshereze y'amafaranga agenerwa urwego rw'Umurenge mu ngingo yaryo ya 10 yerekeranye n'igihembo cy'umurenge witwaye neza mu myinjirize y'imari;

bemeje ko imirenge ibiri ya mbere buri gihembwe yabaye indashyikirwa mu kwinjiza imisoro n'amahoro, ihabwa **2%** y'ayo binjije muri icyo gihembwe umwaka wa **2012 – 2013.**

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari ya **2012 – 2013**

Icyemezo kikaba cyafashwe n'Abajyanama ku bwisanzure busesuye

- **Kwemeza ingengo y'imari y'Akarere umwaka wa 2013 – 2014**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere Bwana **BAHIZI Emmanuel** yagejeje ku Bajyanama ingengo y'imari y'Akarere umwaka wa **2013 – 2014**, ingana na **8 985 693 001** ikaba igizwe n'Amafaranga azakoreshwa mu ngengo y'imari isanzwe angana na **6 511 558 941** n'amafaranga azakoreshwa mu ngengo y'imari y'iterambere angana na **2 474 134 060.**

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga ingengo y'imari y'Akarere umwaka wa **2013 – 2014**

- **Ibirebana n'imyenda**

- Ku birebana n'umwenda ungana n'amafaranga **73110 TIGO** ibereyemo Akarere n'umwenda ungana n'amafaranga **362138 MTN Rwandacell** ibereyemo Akarere **;** Inama Njyanama yemeje ko iyi myenda ikurwa mu bitabo by'ibaruramari ry'Akarere kubera ko habaye kwibeshya mu kuyibara.

- Ku birebana n'umwenda RWANDATEL ibereyemo Akarere ka KAMONYI; Abajyanama bemeje umwenda uva ku mafaranga **1 692 975** ukajya ku mwenda w'amafaranga **1 964 525** kuko itsinda rishinzwe gusesa ikigocya **RWANDATEL** rimaze gukora isesengura rikabariramo n'inyungu z'ubukererwe ryasanze RWANDATEL ibereyemo Akarere ka KAMONYI amafaranga **3 929 050** ubu ikaba yaramaze kwishyura **50%** by'uwo mwenda

- Ku birebana n'umwenda **MUKESHIMANA Norbert** abereyemo Akarere ka KAMONYI ungana na **2 283 352** , Abajyanama bamaze kubona ko Akarere kamubereyemo amafaranga angana n'ayo akarimo, hemejwe ko ayo yose ahuzwa hanyuma uwo mwenda ugakurwa mu bitabo by'ibaruramari ry'Akarere.

- Ku birebana n'umwenda **HAVIRA MINE** ibereyemo Akarere ka KAMONYI ungana na **8 258 000**, Inama Njyanama yemeje ko Komisiyo y'Iterambere y'Ubukungu izongera ku bisuzuma neza ikazashyikiriza raporo Inama Njyanama kugirango iwufatire umwanzuro.

- Ku birebana n'umwenda ungana na **41 584 670** Hôpital **REMERA- RUKOMA** ibereyemo "Pharmacie" y'Akarere wari wanditse mu bitabo ry'ibaruramari ry'Akarere, Abajyanama bemeje ko ukurwamo ugashyirwa mu bitabo by'ibaruramari bya "Pharmacie" y'Akarere kuko Akarere katagicunga Konti ya "Pharmacie" y'Akarere.

Ingingo ya 4: Umwiherero w'Abagize Inama Njyanama

Ku birebna n'umwiherero w'abagize Inama Njyanama y'Akarere wari uteganyijwe mu kwezi kwa **Gashyantare 2013** utarabaye, hemejwe ko uzakorwa mu gihe cya vuba , Biro y'Inama Njyanama na Komite Nyobozi bakazagena igihe uzakorerwa kandi ugakorwa bitarenze intangiro z'ukwezi kwa **Kanama 2013.**

Icyemezo kikaba cyafashwe n'Abajyanama ku bwisanzure busesuye

Ingingo ya 5: Ibindi

- **Ibibazo birebana n'ubutaka byagejejwe ku Buyobozi bw'Akarere**

- Ubutaka bwa **NSENGIYUMVA Servelien** bwubatsweho ishuri ry'incuke ryubatswe na **ASOFERWA;**

Abajyanama bamaze kugezwaho uko iki kibazo giteye kandi ko urukiko rwategetse Akarere kumushakira ingurane, bemeje ko azaguranirwa ubutaka .

- Ubutaka **EAR – MBAYAYA** yasabye bwo kubakaho ishuri ry'incuke, ishuri ribanza, ishuri ryisumbuye na Post de santé

Abajyanama bemeje ko umushinga uzashyikirizwa Komisiyo y'Iterambere ry'ubukungu ikawusuzuma, ikazageza umwanzuro wayo mu Nama Njyanama itaha.

- Ubutaka busabwa na **RPF – INKOTANYI** mu Karere ka **KAMONYI**

Abajyanama bemeje ko umushinga uzashyikirizwa Komisiyo y'Iterambere ry'ubukungu ikabanza ikawusuzuma ikazawugeza mu Nama itaha y'Inama Njyanama

Inama yashoje imirimo yayo saa cyenda n'igice z'umugoroba **(15H30).**

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga urutonde rw'Abajyanama bafashe icyemezo kuri buri ngingo.

NIKUZE Marie Chantal — Umunyamabanga w'Inama Njyanama

KARURANGA Emmanuel — Umuyobozi w'Inama Njyanama